RADIO MARIA RWANDA IWACU

N° 007

FM 88,6 FM97,3 FM99,4FM99,8 Mutarama 2014

Ijwi rya gikirisitu riguherekeza aho uri hose

IWACU MURI RADIO MARIA RWANDA

Mariyatoni ya Kane kuri Radio Maria Rwanda

Abitabiriye inama bo mu bihugu binyuranye photo RMR

Kuva tariki ya 18 kugeza kuya 19 Mutarama i Kigali muri Centre d'Accueil la Bonne Esperance, KICUKIRO, hateraniye inama yahuje Abaperezida n'Abayobozi ba za Radio Maria muri Afurika. Mu byo bize harimo gutegura Mariyatoni ku rwego rwa za Radio Maria muri Afurika iteganyije tariki ya 9-11 Gicurasi 2014. Abari bahagariye Radio Maria batahanye umugambi wo kunoza gahunda n'imyiteguro kugira ngo iyo Mariyatoni izagende neza. Ibihugu byari bihagarariwe ni : Rwanda, Burundi, Sierra Leone, Malawi, Uganda, Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo.

IJAMBO RY'IBANZE

Nshuti bakunzi ba Radio Maria Rwanda,

Twongeye kubagezaho amwe mu makuru ya Radio Maria Rwanda.Mu Kanyamakuru mumenyereye, turabamenyesha ko mu kwezi ka Gicurasi 2014, hateganyijwe Mariathon ya kane kuri Radio Maria Rwanda ari ko n'andi Maradio Maria muri Afurika akaba azayikora. Turashimira n'abaherutse gutera inkunga Radio Maria Rwanda.

Tubibutse ko Radio Maria Rwanda iri mu mwaka wayo wa cumi. Mwatangira kuduha inkunga y'ibitekerezo kugira ngo tuzizihize neza iyo sabukuru twishimira aho Radio Maria Rwanda igeze n'aho igejeje abayitega amatwi.

Twongere tubibutse ko mushobora gukurikirana gahunda za Radio Maria Rwanda ku mirongo ine ya FM: **88.6** uri i Muhanga, **97.3** uri i Jali mu mujyi wa Kigali, **99.8** uri i Karongi, na **99.4** uri i Rusizi. Radio Maria Rwanda yumvikanira no ku mu rubuga rwa "Internet" www.radiomaria.rw**.**

Gutera inkunga Radio Maria Rwanda ni ugufasha Yezu na Bikira Mariya gufasha isi.

Mwamikazi wa Radio Maria, udusabire.

RADIO MARIA MU BAKUNZI BAYO

Radio Maria Rwanda Yasuye Abakunzi Bayo Mu Ma Paruwasi

Kuva kuwa mbere tariki 27/01 kugeza ku cyumweru tariki ya 02/02/2014, Radio Maria Rwanda yasuye abakristu ba Paruwasi ya Rwankuba ho muri Arkidiyosezi ya Kigali, ibasanga mu ma Santarali yabo yose uko ari 8 :Coko, Muyongwe, Bumba, Rukura, Mbogo, Busanane, Rushashi na Rwankuba.

Bamwe mu bakristu ba Paruwasi ya Rwankuba

Abakristu b'iyo Paruwasi bishimiye Radio Maria Rwanda iwabo, bayitegura banegeranya inkunga babikoreye iwabo mu miryangoremezo, dore ko mbere y'uko basurwa, hari harabaye inama yari yahuje abahagarariye imiryangoremezo n'amasantarali yose, bagahabwa ibyangombwa bibafasha kwitegura urwo ruzinduko.

Uretse inkunga abakristu bashyikirije Radio Maria Rwanda ingana na miliyoni imwe n'ibihumbi magana atatu y'u Rwanda(1,300,000 FRWS), abakristu mu ma Santarali yose biyemeje gukomeza gufatanya na yo mu butumwa bwayo, bayigenera iinkunga bazajya bategurira mu miryangoremezo buri kwezi, ibi bakazajya babikora buri wese atanga nibura amafaranga ijana rimwe mu kwezi , babifashijwemo n'abashinzwe itangazamakuru n'itumanaho bagiye bari muri buri muryangoremezo, bakaba babona kandi ko ubu ari uburyo buzaborohera.

Muri uru ruzinduko kandi, abakristu bashyizeho amatsinda y'inshuti za Radio Maria Rwanda muri buri Santarali, ayo matsinda akaba aje asanga andi abiri yari asanzwe akora mu ma Santarali ya Coko na Rushashi. Padiri mukuru wa Paruwasi ya Rwankuba Valens Twagiramungu, akaba yarashyigikiye izi gahunda zombi, yizeza Radio Maria Rwanda kuzakurikirana ibi bikorwa, nko guhuza amatsinda yose yavutse muri iyo Paruwasi. Uru ruzinduko rwasojwe ku cyumweru tariki ya 02 Gashyantare 2014, mu Misa zombi zabereye ku cyicaro cya Paruwasi. Padiri Niyitegeka Celse umuyobozi wa gahunda za Radio Maria Rwanda akaba yarasomye Misa ya 2 mu rwego rwo gusoza urwo ruzinduko, hanashyirwa agasanduku mu Kiliziya ya Santarali ya Rushashi ndetse no mu Kiliziya ya Paruwasi Rwankuba. *Abakristu ba Paruwasi ya Rwankuba, turabashimiye, Imana ibongerere umugisha.*

Vincent de Paul Ntabanganyimana

iyo RMR yadusuye turaganira tukanasusuruka

RMR yakira abakunzi bayo banyuranye ighe baje kuyisura

RMR yitabiriye iminsi mikuru n'iboriri binyuranye

Paruwasi ya MUSHA ibanye neza na Radio Maria Rwanda

Nyuma y'uruzinduko Radio Maria Rwanda yagiriye muri Paruwasi ya Rwankuba, yakomereje uruzinduko nk'urwo muri Paruwasi ya Musha na yo yo muri Arkidiyosezi ya Kigali, ikaba yarasuye abakristu ibasanga mu masantarali yabo. Akarusho muri iyo Paruwasi, ni uko muri buri Santarali hanatambukirizwaga Misa buri munsi, nk'uko abakristu bari barabyifuje mu nama ibanziriza urwo ruzinduko.

Padiri mukuru wa Paruwasi ya Musha na bamwe mu bakangurambaga ba Radio Maria Rwanda n'abayobozi b'amwe mu ma santarali ku munsi wo gusoza uruzinduko rwa Radio Maria Rwanda

Kimwe no muri Paruwasi ya Rwankuba ,muri Paruwasi ya Musha, abakristu bari barateguye inkunga bazashyikiriza Radio Maria Rwanda babikoreye hamwe mu miryangoremezo no mu miryango ya Agisiyo Gatolika.Uru ruzinduko rwarasojwe ku cyumweru tariki ya 09/02/2014.Abakristu ba Paruwasi ya Musha bashoboye kwegeranya inkunga y'amafaranga asaga miliyoni imwe n'ibihumbi makumyabiri y'u Rwanda(1,028,545), hakaba hari n'abakristu batatu bo muri Santarali ya Musha bemeye kuzatanga amatungo y'ihene, ariko ubu akaba atarakura, bakaba bakomeje kuyaragirira Radio Maria Rwanda. Iyi nkunga kandi yatanzwe nyuma y'igihe gito bari bamaze batanze ituro rishimishije rijyanye n'igihe cya Noheli basanzwe batanga buri gihe

Muri iyi Paruwasi kandi abakristu na bo biyemeje gukomeza gushyigikira ubutumwa bwa Radio Maria Rwanda bayiha buri kwezi nibura amafaranga ijana kuri buri mukristu, havuka amatsinda 4 y'abakunzi b'inshuti za Radio Maria Rwanda, akaba abarizwa mu ma Santarali yose agize Paruwasi ya Musha uko ari ane ariyo: Musha, Gahengeri, Nyagasambu na Janjagiro. Izi gahunda zashyigikiwe na Padiri mukuru w'iyi Paruwasi Padri Rukimbira Ezéchiel, wavuze ko yiteguye gushyigikira abo bakristu muri ibyo bikorwa, hakaba hateganyijwe gahunda yo guhuza abagize amatsinda yavutse, kugira ngo hashyirweho gahunda ihamye y'amahuriro yabo mu minsi iri imbere. Abakristu ba Paruwasi ya Musha, turabashimiye, Imana ibongerere umugisha.

Vincent de Paul Ntabanganyimana

Banya Kigali, tubararikira ikganiro Radio Maria Rwanda yabashyiriyeho kizajya kidufasha gutangaza ukwemera kwacu, n'ubukristu muri KIGALI

UBUHAMYA BW'UKWEMERA MU MUJYI WA KIGALI

Gitambuka kuri RMR buri wa kane 21h20

Namwe dusangize ubuhamya bwanyu 0788509529

Tera inkunga radio yawe,Radio Maria Rwanda

Ukoresheje

MTN mobile money: 07884870045

Tigo cash: 0727495295

KONTI

108-06646001-59 MURI ECOBANK
056-0293574-40 MURI BK
441-2057171-11
Muri Banki y'abaturage

Konti yihariye y'inyubako ya RMR mu Mujyi wa Kigali

Banki ya Kigali (BK)

056-0635810-37

Radio Maria Rwanda yakiriwe neza muri Centre Christus i Remera (Kigali)

Muri gahunda yayo yo gusura abakunzi hirya no hino mu gihugu ari na ko ibamenyesha gahunda iteganya muri 2014, kuwa 26 Mutarama 2014 Radio Maria Rwanda yasuye abakristu bo muri Centre Christus i Remera mu misa ebyiri zahaberye. Padiri Celse Niyitegeka, Umuyobozi wa gahunda za Radio Maria Rwanda, yababwiye ko ikomeje gushimira ubwitange abakristu bagaragariza Radio Maria Rwanda ndetse anababwira ko muri uyu mwaka hari gahunda eshatu bazakomeza gushyigikiramo Radio Maria Rwanda arizo: *gutangira kubaka icyicaro cya Radio Maria Rwanda mu mujyi wa Kigali, kwimura iminara yubatse mu baturage, ndetse no gutegura isabukuru y'imyaka 10.* Yasoje abasaba ubufatanye muri izo gahunda zose. Iyi gahunda kandi yatangiriye muri Paruwasi Cathedrale ya St Michel aho abakristu bamenyeshejwe izi gahunda ndetse banashinga n'amatsinda y'inshuti za Radio Maria Rwanda.

Abakristu bo muri Centre Christus bishimiye gusurwa na Radio Maria Rwanda banayitera inkunga y'amafaranga 608.000 mu gaseke katambukijwe mu misa zombi. Uretse kuba barasuwe banabaye aba mbere mu gutambutsa ikiganiro gishya cya Radio Maria Rwanda kirebana n'umujyi wa KIGALI kitwa"*Ubuhamya bw'ukwemera mu mujyi wa KIGALI"*. Iki kiganiro kikaba kizakomeza dusura amatsinda anyuranye asengera mu mujyi wa Kigali ngo dusangize abandi ubukristu bwacu. Iyi gahunda yo gushimira izakomeza muri iki gihe twizihiza imyaka 10 Radio Maria Rwanda imaze mu Rwanda.

Cryspin KAYITARE